


ASb  
approved




# Decision

Ursula Nafula  
Vusi Malindi

# Icyemezo k'ingirakamaro

Patrick Munyurangabo  
Vusi Malindi


English / Kinyarwanda



My village had many problems. We made a long line to fetch water from one tap.

Umudugudu wacu wari ufite ibibazo byinshi. Twatondaga umurongo muremure dutegereje kuvoma kuri robine imwe twari dufite.





We waited for food  
donated by others.


Twari twaramenyereye  
ibiryo duhawe  
n'abagiraneza.



We locked our houses  
early because of thieves.


Twafungaga amazu  
yacu hakiri kare kubera  
abajura.






Many children dropped out of school.

Abana benshi baribarataye ishuri.



Young girls worked as maids in other villages.


Abakobwa bakoraga akazi ko mu rugo mu yindi midugudu.



Young boys roamed around the village while others worked on people's farms.


Abahungu b'ingimbi  
birirwaga bazerera,  
cyangwa bagakora  
mu mirima ya rubanda.





When the wind blew,  
waste paper hung on trees  
and fences.

Iyo umuyaga wahuhaga,  
imyanda y'ibipapuro  
yanyanyagiraga hirya  
no hino mu mashami  
y'ibiti no mu nzitiro.



People were cut by broken glass that was thrown carelessly.

Ibimene by'ibirahure  
byapfaga kujugunywa  
hirya no hino  
byakomeretsaga abantu.



Then one day, the tap  
dried up and our  
containers were empty.

Umunsi umwe rero,  
reka robine yacu izakame  
n'ibigega bishiremo  
amazi.






My father walked from house to house asking people to attend a village meeting.

Ubwo Data yarahagurutse. Azenguruka ingo zose, akangurira abaturage kwitabira inama y'umudugudu.



People gathered under  
a big tree and listened.


Ubwo abaturage bose  
bateranira muni y'igiti  
kinini bamutega amatwi.



My father stood up and said, "We need to work together to solve our problems."


Data yarahagurutse aravuga ati: "Tugomba gukorera hamwe tugakemura ibibazo byacu."






Eight-year-old Juma, sitting on a tree trunk shouted, "I can help with cleaning up."

Umwana w'imyaka umunani witwa juma yiyicariye mu giti avuga aranguruye ijwi ati: "Nshobora kubafasha gukora isuku."



One woman said, "The women can join me to grow food."


Umugore umwe aravuga ati: "Abagore dushobora kwishyira hamwe tugahinga ibyo kurya."



Another man stood up and said, "The men will dig a well."

Undi mugabo arahaguruka aravuga ati: "Abagabo tuzafukura iriba."





We all shouted with one voice, "We must change our lives." From that day we worked together to solve our problems.

Twese twavugiye icyarimwe tuti:  
"Tugomba guhindura ubuzima bwacu." Kuva uwo munsi, twakoreye hamwe dukemura ibibazo byacu.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:  
Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukopora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose  
ubyitiriyemuburyo bukurikira:

Decision / icyemezo k'ingirakamaro

Author / Umwanditsi -- Ursula Nafula

Translation / Ubuhinduzi -- Ursula Nafula

Modified by / Cyahinduwe -- Patrick Munyurangabo

Illustration / icyitegererezo -- Vusi Malindi

Language / Ururimi -- English / Ikinyarwanda

Level / Urwego -- First paragraphs / Paragarafeyamubere

© African Storybook Initiative 2015

Creative Commons: Attribution 4.0

Ibikorwa bihangana: Inshingano 4.0

Source / Inkomoko [www.africanstorybook.org](http://www.africanstorybook.org)

**2023.08.26**

